

## Uwatekeraga impunzi kwa Padiri yemeje ko atigeze abona Bandora mu bitero

Yanditswe kuya 4-12-2014 na [Philbert Hagengimana](#)



*Kimwe n'abandi batangabuhamy bashinjura, Basomingera Masumbuko watekeraga abari bahungiyeye kwa Padiri yemeje ko igitero cyahagabwe kwica Abatutsi nta Bandora Charles wari ukirimo.*

Kuri uyu wa Kane tariki ya 4 Ukuboza 2014, mu Rukiko Rukuru hakomeje kuburanishwa urubanza mpuzamahanga, Ubushinjacyaha buregamo Bandora Charles ibyaha bya Jenoside n'ibindi byaha byibasiye inyoko muntu, byabereye mu cyahoze ari Komini Ngenda, ubu ni mu Karere ka Bugesera.

Kuri gahunda y'iburanisha, hari hateganyijwe kumvwa abatangabuhamy bashinjura Bandora ku byaha ashinjwa, aho bose bemeje ko nta ruhare bamuziho muri Jenoside, ngo icyo bamuziho ni uko yari umucuruzi ukomeye ku Ruhuha.

Abo batangabuhamy babimburiwe na **Nzabonimana Damascene** wahoze ari Resiponsabule (Umuyobozi wa Selile) muri Kayigi muri Komini Ngenda, akaba na we yararokotse Jenoside.

Nzabonimana yemeje ko nta ruhare Bandora yagize muri Jenoside, ngo kuko iyo arugira na we (Nzabonimana) ntaba yararokotse, dore ko muri Jenoside yajyaga yo (kwa Bandora) kandi akaba nta kibazo yigeze ahagirira.

Nzabonimana yakurikiwe na Basomingera wavuze ko yatekeraga abantu bari barahungiyeye kwa Padiri, bityo akaba yarashoboraga kubona neza abantu baje mu bitero byaje gutwara abo bantu kubica.

Basomingera yabwiye Urukiko ko yahagaragara ku rubaraza mu kigo kwa Padiri, akarenza amaso urukuta, akabasha kubona neza abantu bari ku mashuri.

Abajijwe intera yari hagati y'urubaraza yahagararagaho n'amashuri abo bantu bari bahungiyemo, Basomingera yasubije ko harimo nka metero 15.

Uyu mutangabuhamy yakomeje avuga ko abo bantu bahungiyeye kwa Padiri kuwa 7 Mata 1994, bagabweho igitero cya mbere kuwa 10 Mata 1994, cyatwaye abantu 12 kijya kubicira ku Ruhuha, bahita babajugunya mu musarane. Icyo gitero kikaba cyari kigizwe n'abantu babarirwa mu ijana (100).

Ikindi gitero cyabagabweho kuwa 12 Mata 1994, cyaje ari simusiga, cyica abantu benshi, cyo cyari kigizwe n'abantu amagana, aho yifashishije imvugo igira iti "bari isoko n'amaduka".

Yongeye gusabwa guhamiriza Urukiko niba koko abantu baje muri ibyo bitero yarababonye neza, Basomingera arabishimangira, avuga ko yababonye, ku buryo uwari urimo yari asanzwe amuzi, yahise amumenya.

Abajijwe niba atarabonyemo Bandora haba kuwa 10 Mata cyangwa kuwa 12 Mata, Basomingera yavuze ko ntawe yabonye, avuga ko ibyo bitero byombi byabaga biyobowe n'abasirikare.

Ubuhamya bwe bwakurikiwe n'ubwa **Furere Nepomuscene**, we wari no mu bitero bimwe bishinjwa Bandora, ariko akaba yavuze ko atigeze amubona mu gitero na kimwe.

Furere we yanavuze ko igitero cyagabwe kwa Mugenzi Ezechiel bacyoherejwemo n'abasirikare, ndetse bakaba baranabatwaye ku gahato, bagerayo bagasahura, ibyo bahakuye bakabijyana aho Bandora yakodeshaga n'uwitwa Micomyiza wari na Veterineri muri Komini.

Abajijwe icyatumye bahitamo kubijyana muri iyo nzu ya Bandora aho kubijyana ahandi, Furere yasubije ko ari ho abo basirikare babategetse kubishyira cyane ko ari na ho babaga, gusa ngo bakuramo igare ryonyine, ibindi birimo ibikoresho byo mu nzu nk'amaradiyo n'ibindi birahasigara.

Ku birebana na za bariyeri, abatangabuhamya bose uko ari batatu bahuriza ku kuba zarashyizweho nyuma y'amabwiriza Superefe Djuma na Konseye Mudenge batangiye mu nama, kandi iyo nama Bandora bakaba atarayimubonyemo.

Ku kibazo cy'ahantu Bandora yabaga ari mu gihe abandi babaga bari mu manama no mu bindi nka za bariyeri, umutangabuhamya wabibazwagaho wese yasubizaga ko nyuma yo kuva ku gasanteri ka Ruhuha amaze gusahurwa, yahise asubira iwe mu cyaro. I byo ngo bakaba barabwirwaga no kuba barabonaga imodoka ye iparitse mu rugo, kandi kuba ihari bikaba byaravugaga ko na nyira yo ahari.

Hasigaye umutangabuhamya umwe uzumvwa kuwa Mbere tariki ya 8 Ukuboza 2014, ubundi impande zombi zikagaragaza icyo zinenga abatangabuhamya, aho uruhande rwa Bandora Charles ruzahabwa umwanya wo kunenga abashinjaga, n'Ubushinjacyaha bukanenga abashinjura.

Ibi byagiweho impaka, aho abunganira Bandora basabaga ko nyuma yo kumva umutangabuhamya wa nyuma, bazahabwa igihe cyo gutegura ibyo bazanenga, cyane ko ngo batari banabona inyandikomvugo z'abatangabuhamya bashinja bose.

Ibi Urukiko rwavuze ko kuba batarabona izo nyandikomvugo byaba ari uburangare bwa bo, kandi urukiko rukaba rutabyirengera. N'Ubushinjacyaha na bwo bwagaragaje ko icyo gihe gikenewe, aho bwifuje ko nibura bahabwa ikigoroba cyo kuwa 8 Ukuboza. Urukiko rwanzuye ko nyuma yo kumva umutangabuhamya wa nyuma kuwa 8 Ukuboza, iburanisha rizasubukurwa kuwa 10 Ukuboza 2014, hakavugwaho abatangabuhamya babiri (2) kuri buri ruhande.